**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA YATERANYE KUWA 05/12/2025**

Kuwa 05 Ukuboza 2025 ku cyicaro cy'Akarere ka GISAGARA, habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere, ikaba yaratangiye isa tatu (09h00) z'amanywa Iyobowe na Perezida wayo Bwana **UWIMANA Innocent**, yitabiriwe n'abajyanama 16/17, Umunyamabanga, Nshingwabikorwa, umukozi mw'ishami ry'igenamigambi (M&E) n'abakozi bashinzwe ibikorwa by'inama njyanama mu Karere.

**Ibiri ku murongo w'ibyigwa :**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'ubushize no kureba aho igeze ishyirwa mubikorwa
2. Gusuzuma no kwemeza ibyakozwe na za Komisiyo, komite ngenzuzi ndetse na biro igihembwe cya kabiri 2025-2026
3. Gusuzuma raporo y'ibikorwa bya komite nyobozi mu mezi 6 ashize (Nyakanga 2025 kugeza Ukuboza 2025)
4. Gusuzuma ishyirwamubikorwa ry'imihigo igihembwe cya kabiri 2025-2026
5. Gusuzuma ikoreshwa ry'ingengo y'Imari igihembwe cya kabiri 2025-2026

**Nyuma yo gusuzuma buri ngingo, ku bwumvikane busesuye hafashwe ibyemezo bikurikira:**

| NIMERO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UZAGISHYIRA MUBIKORWA | IGIHE BIZAKOREKORWA |
|---|---|---|---|
| 025.12/2025-2026 | Hasomwe kandi hemezwa inyandikomvugo y'Inama yo kuwa 12.09.2025 imaze gukorerwa ubugororangingo, ndetse hanashimwa ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo byayifatiwemo | Office of District Council | 2025-2026 |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA

| | | | |
|---|---|---|---|
| 026.12/2025-2026 | Inama Njyanama yashimye kandi yemeza ibyakozwe na biro y'inama njyanama mu gihembwe cya kabiri 2025-2026 | Office of District Council | 2025-2026 |
| 027.12/2025-2026 | **Abandikiye inama Njyanama**<br><br>Bwana BAYINGANA Moussa (Director of Planning, Monitoring and Evaluation) ujuririra amanota yahawe muri Evaluation y'imihigo 2024-2025, ''aho Avuga ko yahawe 67.03% akaba ari make kuriwe" **Inama Njyanama yemeje ko agomba gukurikiza inzira ziteganywa n'amategeko ku mukozi utishimiye amanota yahawe muri evaluation y'imihigo** | | |
| 028.12/2025-2026 | KOPERATIVE KOTWINYAKI isaba ko ubutaka yahawe n' Akarere ikubakaho inzu y'abajyanama b'ubuzima bo mu murenge wa NYANZA ko bahabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho ubwo butaka kugirango babone icyangombwa cy'ubutaka, **Inama yemeje ko bategereza umurongo uzatangwa na leta muri rusange ku micungire y'ubwo butaka bahawe** | | |
| 029.12/2025-2026 | Memo ya OSC isaba ko isoko (Works) rya Migina mobile water treatment ryashyirwa kuri procurement plan kubera ko MOU yasinywe hagati n'Akarere n'abafatanyabikorwa muri uwo mushinga hemejwe ko isoko rizatangwa n'akarere , **Inama yanzuye ko iryo soko rishyirwa kuri procurement** | One stop center | 2025-2026 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 030.12/2025-2026 | **MITARI Audance** utuye mu murenge wa MAMBA, Tel : 0788403396 usaba gukurirwaho umwenda w'imisoro k'ubutaka bufite UPI 2/02./06/05/3394 bwanditsweho ko bugenewe gutura nyamara igishushanyo mbonera kigaragaza ko ubwo butaka buherereye ahagenewe ubuhinzi,<br>**Inama yemeje ko ishami rya one stop center rigomba kureba ahari ibyo bibazo byose** kuko bigaragara ko hari benshi babifite bityo ibyangobwa byabo bigahuzwa n'icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa (Master plan), abafite ubutaka bwanditseho ubuhinzi kandi buri mumiturire bagahindurirwa kandi bagasora naho abafite ubutaka bwanditseho gutura kandi buri ahagenewe ubuhinzi bagakurirwaho imisoro y'ubutaka | One Stop center | 2025-2026 |
| 031.12/2025-2026 | MUKAMAZIMPAKA Laurence (0789619580) utuye mu murenge wa NDORA, Akagari ka GISAGARA, umudugudu wa RUTONDE asaba gukurirwaho imisoro y'ubutaka (UPI2/02/11/04/4593) ingana na Frw 1,300,000 kubera ko icyangombwa kibaruyeho gutura nyamara isambu yose kugishushanyo mbonera bigaragara ko ifite igice cy'imiturire, ubuhinzi. Inama njyanama yemeje ko komisiyo y'imiyoborere myiza yazasura uwo muturage maze igasesengura icyo kibazo yazasanga ubutaka buri mumiturire ababugabanye bose bagasora ariko yasanga buri mubuhinzi bagakurirwaho imisoro kugirango babone uko babwiyandikaho. | Komisiyo y'Imiyoborere myiza | 2025-2026 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 032.12/2025-2026 | NIYOMUKENSHA Jeanne D'Arc, tel: 0788855543, email: niyojeanne@gmail.com wahoze ari umukozi ushinzwe uburezi mu murenge asaba ko yakwishyurizwa Frw 655,000 aturuka kuri missions yakoze igihe yarakiri muri izo nshingano. Hamaze gukorwa ubusesenguzi hagasangwa hari abandi bakozi benshi (Abakiri mukazi n'abandi batakikarimo) bafite ikibazo gisa nkicye, **Inama njyanama irasaba komite nyobozi gusuzuma neza icyo kibazo muri rusange hagaragazwa abakozi bose bafite icyo kibazo, amafaranga bakwishyurwa ndetse n'ingamba zigiye gufatwa kugirango bishyurwe** | Dir. HRM unit/ DES/DM | 2025-205 |
| 033.12/2025-2026 | **Inama Njyanama yemeje** ko usibye uwari umunyamabanga nshingwabikorwa uri gukurikiranywa n'inzego z'ubutabera, abandi bayobozi cyangwa abavuga rikijyana bagaragayeho ikibazo cya nyirantare bazatumizwa kandi bakitaba komite adhoc yashyizweho n'inama njyanama maze iyo komite ikazajyeza raporo y'ibyavuyemo ku nama njyanama. | ADHOC | 2025-2026 |
| 034.12/2025-2026 | Inama Njyanama yashimye kandi yemeza ibyakozwe na komisiyo y'iterambere ry'ubukungu nkuko bikubiye muri raporo y'igihembwe cya kare yagejejwe ku inama njyanama | | 2025-2026 |
| 035.12/2025-2026 | Kubera ko amafranga yo kubaka umuhanda wa Save ahari, **Inama Njyanama yemeje** ko hasabwa Facture ikishyurwa, atarakoreshwa ibindi, bityo na pourcentage y'ikoreshwa ry' ingengo y'imari ikazamuka | DES | 2025-2026 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 036.12/2025-2026 | Abakozi ba Yego center banditse basaba guhabwa prime bemererwa n'itegeko, **Inama Njyanama** yasabye komite nyobozi kureba icyo itegeko riteganya, kikaba aricyo gishyirwa mu bikorwa, hamwe n'abandi bakozi b'Akarere bafite ibibazo bimwe n'ibyabo | HRM | 2025-2025 |
| 037.12/2025-2026 | Ikibazo cya NSABIMANA Diogene, wanditse asaba kwishyurizwa ikirarane cy'amafaranga Akarere kamufitiye **Inama njyanama yasabye komite nyobozi ko yakurikirana icyo kibazo kigacyemuka** | DES/DM | 2025-2026 |
| 038.12/2025-2026 | Inama Njyanama yashimye kandi yemeza ibyakozwe na komisiyo y'imiyoborere myiza nkuko bikubiye muri raporo y'igihembwe cya mbere yagejejwe ku inama njyanama | | |
| 039.12/2025-2026 | Inama Njyanama irasaba Komite Nyobozi gukurikirana igikorwa cyo gufotora hagafashwa abafite ibibazo byagaragaye mu myirondoro y'abaturage cyane cyane abana batanditswe | GGU | 2025-2026 |
| 040.12/2025-2026 | Inama Njyanama yasabye komite nyobozi Gushyiraho ingamba zo guca inzoga z'inkorane (nyirantare) yagaragaye nk'ikibazo gikomeye. | GGU | 2025-2026 |
| 041.12/2025-2026 | Inama Njyanama yashimye kandi yemeza ibyakozwe na komite ngenzuzi igihembwe cya mbere nkuko bikubiye muri raporo yagejejwe ku inama njyanama | DES | 2025-2026 |
| 042.12/2025-2026 | **Inama Njyanama yashimye kandi yemeza ibyakozwe na komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza** | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **y'abaturage igihembwe cya kabiri nkuko bikubiye muri raporo yagejejwe ku nama njyanama** | | |
| 043.12/2 025-2026 | Inama njyanama yemeje ko ibyemezo bifatwa n'Inama njyanama y'Akarere ko imyanzuro ireba abaturage bajya bayishyikirizwa ndetse byaba ngombwa ibyemezo bibareba bigashyirwa kuri website y'akarere kugirango abakeneye amakuru y'ibibareba bayamenye | PRO& Office of District Council | Buri gihe |
| 044.12/2 025-2026 | Inama njyanama yemeje ko umuhigo w'ubwisungane mukwivuza washyirwamo imbaraga, hagakorwa ubukangurambaga budasanzwe, ubuyobozi bukagera k'umuturage utarishyura (Door to Door approach), ibipimo bikazamuka | Health unit & ESs Sectors | 2025-2026 |
| 045.12/2 025-2026 | **Inama njyanama irasaba komite nyobozi** gukurikirana ikibazo cy' Abafatanyabikorwa badatanga raporo na Action Plan bagasabwa kwisubiraho kandi hakajya hagaragazwa abazitanga n'abatazitanga, urutonde rwabo rukanjya rushyikirizwa president wa Komisiyo bakabazwa inshingano. | GGU (JADF Officer) | Buri Gihe |
| 046.12/2 025-2026 | Inama njyanama yashimye kandi yemeza ibyakozwe na komite nyobozi y'Akarere ka GISAGARA (From July 2025 to December 2025) nkuko bikubiye muri raporo zagejejwe ku Nama njyanama | | |
| 047.12/2 025-2026 | Inama njyanama yashimye aho umuhigo 2025-20256 ugeze ushirwa mubikorwa aho ugeze kukigera cya 76% ugereranyije n'intego y'umwaka na 57.57% ugereranyije n'intego y'igihembwe cya 2 | Planning, Monitoring and Evaluation unit | 2025-2026 |

<table>
<tr>
<td></td>
<td>
1. Hamaze gusumwa umuhigo nimero:2 wa FOBASI (Ha of land meeting FOBASI operationalization criteria with agronomic KPIs)<br>Aho bigaragara ko ubuso bw’ubutaka buteganyijwe muri Q2 (34237 Ha) ari bwinshi kuruta ubutaka Akarere kahinze muri Season A 2026 (28,708 Ha) , Inama njyanama yemeje ko hakenewe gukorwa isuzuma n’ivugururwa kuri site za FOBASI n’ubuso bwazo kugira ngo bihuzwe n’ubutaka buhari.<br>
2. Hamaze gusuzumwa kandi umuhigo nimero: 6 wa Quantity of Lime used (Kg) aho bigaragara ko target ya 950,000 Kgs iri hejuru cyane, Hemejwe ko target igabanywa igahuzwa n’ubushobizi bw’Akarere
</td>
<td></td>
<td></td>
</tr>
<tr>
<td>048.12/2025-2026</td>
<td>
Inama njyanama yagejejweho ikoreshwa ry’ingengo y’imari igihembwe cya Kabiri 2025-2026, aho imaze gukoreshwa muburyo bukurikira:
<table>
<tr><td>No</td><td>Description</td><td>Budget/Rwf</td><td>Execution</td></tr>
<tr><td>1</td><td>Recurrent</td><td>24,202,028,612</td><td>39.49%</td></tr>
<tr><td>2</td><td>Development</td><td>8,591,678,436</td><td>9.28%</td></tr>
<tr><td colspan="2">Igiteranyo</td><td>32,793,707,048</td><td>31.5%</td></tr>
<tr><td colspan="4">Inama njyanama yemeje ko hashyirwamo ingufu ibikorwa akarere gafitiye amafaranga bikishyurwa kuko bigaragara ko ijanisha rikiri hasi cyane cyane kuri development</td></tr>
</table>
</td>
<td>DES/DM</td>
<td>2025-2026</td>
</tr>
</table>

| | | | |
|---|---|---|---|
| 049.12/2025-2026 | Inama njyanama imaze kugezwaho n'Itsinda rya sesenguye ubufatanye hagati y'Akarere na Tourisme sans Frontière , Aho itsinda ryasanze amasezerano y'imikoranire hari ibibura kugira ngo Akarere nku urwego rwa Leta gakorane na Tourisme sans Frontière, bityo **inama njyanama yemeje ibi bikurikira**<br>▪ Iyi NGO irasabwa ko yanyuza ubusabe bwayo muri Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu( MINALOC)<br>▪ Igomba kumenyesha ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere ( RGB ) nk'ikigo gishinzwe imiryango itari iya Leta isaba uburenganzira bwo kugirana partenariat n'Akarere. | BDEU unit | 2025-2026 |

Inama yasoje imirimo yayo 14h00

Umwanditsi w'Inama

**Me KALINGANIRE Ignace Steven**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
Y'Akarere ka GISAGARA

Umuyobozi w'Inama

**UWIMANA Innocent**
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka GISAGARA

GISAGARA DISTRICT

## ABITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GISAGARA , KUWA 05/12/2025

| N | NAMES | SEX | TELEPHONES | EMAILS | SIGNATURE |
|---|---|---|---|---|---|
| 01 | NSHIMIYIMANA Alphonse M | M | 078 850 6713 | namume@yahoo.fr | |
| 02. | UWIMANA Innocent | M | 0788302301 | u_innocent2001@yahoo.fr | |
| 03 | Kaligirwa Annonciata | F | 0788569400 | kaligirwaa@yahoo.fr | |
| 04 | HABINEZA JEAN PAUL | M | 0788588110 | habibeni01@gmail.com | |
| 05 | KALINGANIRE I. Steven | M | 0788460136 | stikali6@yahoo.fr | |
| 06 | Clementine Uwiringiyimana | F | 0782002883 | uwantina@gmail.com | |
| 07 | NGABONZIZA Egide | M | 0788 473 110 | ngabogeide2020@gmail.com | |
| 08 | NKOTANYI Emmanuel | M | 0785366926 | nkotanyiek@gmail.com | |
| 09 | KANYAMUHANDA J.Baptiste | M | 0788834210 | jeanbaptiste74@gmail.com | |
| 10 | MBONIREMA Jerome | M | 0788533616 | mbonajerome@yahoo.fr | |
| 11 | MUREKEYISONI Julienne | F | 0788736345 | mjulienne2010 gmail.com. | |
| 12. | MUSHIMIYIMANA Laurette | F | 0785260666 | mmushime@yahoo.fr | |
| 13. | Denise AYSABE | F | 0788664533 | deniseal.2659@gmail.com | |
| 14 | Samvura Valens | M | 0788408041 | svalens83@gmail.com | |
| 15 | UWIZEYIMANA Françoise | F | 0788669547 | ijere86@gmail.com | |
| 16 | KAMPUNDU Agnès | F | 0788251203 | agneskampundu@gmail.com | |
| | | | | | |